

<p><b>AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° ....YO KU WA ..... AGENGA UBURYO BWO GUSHYIRA ABANA MU MIRYANGO IBARERA</b></p> <p><b>Minisitiri ushinzwe Uburinganire n’Iterambere ry’Umuryango</b></p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo ya 27, iya 28, iya 120 n’iya 201;</p> <p>Amaze kubona amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw’Umwana yo ku wa 20 Ugushyingo 1989, yemejwe n’iteka rya Perezida n°773/16 ryo ku wa 19/09/1990 cyane cyane mu ngingo yayo ya 20;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n°27/2001 ryo ku wa 28/04/ 2001 ryerekeye uburenganzira no kurinda umwana ihohoterwa, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2, iya 7, iya 8, iya 9, iya 10, iya 13 n’iya14;</p> <p>Ashingiye ku nshingano ya Guverinoma y’u Rwanda yo guteza imbere potitiki n’amategeko bishyira imbere iyubahirizwa ry’uburenganzira bw’umwana, hagamijwe kurwanya imirimo ikoreshwa abana batagira ubarengera kandi batishoboye;</p> <p>Ashingiye kuri politiki y’igihugu yo kubaka u Rwanda rwiza aho abana bose bagira</p>	<p><b>MINISTERIAL INSTRUCTION N° ..... OF ..... GOVERNING THE SYSTEM OF PLACING CHILDREN IN FOSTER FAMILIES</b></p> <p><b>The Minister in charge of Gender and Family Promotion;</b></p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 27, 28, 120 and 201;</p> <p>Considering the International Convention on the Rights of the Child of 20 November 1989, approved by Presidential Order n°773/16 of 19/09/1990, especially in Article 20;</p> <p>Pursuant to Law n°27/2001 of 28/04/2001 relating to the Rights and Protection of the Child against Violence, especially in Articles 2, 7, 8, 9, 10, 13, and 14;</p> <p>Considering the responsibility of Rwanda Government to ensure a political and legal environment conducive to respect for children’s rights in order to fight any exploitation of the vulnerable child;</p> <p>Considering the national policy of building a nation where all children have</p>	<p><b>INSTRUCTIONS DU MINISTRE N°..... DU ..... REGISSANT LE SYSTEME DE PLACEMENT D’ ENFANTS EN FAMILLE D’ACCUEIL</b></p> <p><b>Le Ministre du Genre et de la Promotion de la Famille ;</b></p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 27, 28, 120 et 201;</p> <p>Considérant la convention internationale sur les droits de l’enfant du 20 novembre 1989, approuvé par l’Arrêté Présidentiel n°773/16 du 19/09/1990, spécialement à son article 20 ;</p> <p>Vu la loi n° 27/2001 du 28/04/2001 relative aux droits et à la protection de l’enfant contre les violences, spécialement en ses articles 2, 7, 8, 9, 10, 13, et 14;</p> <p>Considérant la responsabilité de l’Etat Rwandais d’assurer un environnement politique et juridique favorable au respect des droits de l’enfants en vue de lutte contre l’exploitation de toute nature de l’enfant vulnérable ;</p> <p>Considérant la politique nationale de bâtir une nation où tous les enfants ont les droits à la</p>
---	---	---

<p>uburenganzira bwo kubaho, bwo kwiga, bwo kugira ubuzima buzira umuze, kugira ubarengera mu mibereho yabo kandi buri mwana akagira kirengera n’aho abarizwa;</p> <p>Inama y’Abaminisitiri yateranye ku wa .....imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p><b>ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA :</b></p> <p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p> <p><b>Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije</b></p> <p>Aya mabwiriza ya Minisitiri agamije gushyiraho uburyo n’ibyangombwa bisabwa kugira ngo abana bashyirwe mu miryango ibarera.</p> <p><b>Ingingo ya 2: Impamvu zituma abana bashyirwa mu miryango ibarera</b></p> <p>Gushyira umwana mu murungu umurera bikorwa gusa iyo uwo mwana atakibasha kwitabwaho n’umuryango we bwite.</p>	<p>the right to survival, education, sound health, social protection and identity;</p> <p>After consideration and approval by Cabinet, in its session of .....</p> <p><b>GIVES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:</b></p> <p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b>Article One: Purpose</b></p> <p>This Ministerial Instruction aims at setting conditions for placing children within foster families.</p> <p><b>Article 2: Reasons for placing children in foster families</b></p> <p>Placing a child in a foster family can take place only where a child is deprived of any support from its own family.</p>	<p>survie, à l’éducation, à la bonne santé, à la protection sociale et à l’identité ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du..... ;</p> <p><b>DONNE LES INSTRUCTIONS SUIVANTES :</b></p> <p><b><u>CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES</u></b></p> <p><b>Article premier: Objectif des présentes instructions</b></p> <p>Les présentes instructions ministérielles ont pour objet de fixer les conditions de placement d’enfants en famille d’accueil.</p> <p><b>Article 2: Cause de placement d’enfant dans une famille d’accueil</b></p> <p>Le placement d’enfant dans une famille d’accueil ne peut avoir lieu que lorsqu’un enfant est privé de toute assistance et garde de sa famille nucléaire.</p>
--	---	--

<p><b>Ingingo ya 3: Inshingano ya Leta y'u Rwanda</b></p> <p>Leta y'u Rwanda, ibinyujije mu Turere, ifite inshingano yo kugenzura ko abana bavugwa mu ngingo ya 2 bashyirwa mu miryango ibarera kandi ko bahabwa uburenganzira bwo kugira uruhare rugaragara mu muryango ndetse no mu buzima busanzwe mu mibanire y'abantu n'abandi.</p> <p><b><u>UMUTWE WA II: UBURYO BUKORESHWA MU KWAKIRA ABANA B'IMFUBYI N'ABANDI BANA BATISHOBOYE MU MIRYANGO IBARERA</u></b></p> <p><b>Ingingo ya 4: Ibyiciro by'abana bashobora kwakirwa mu miryango ibarera</b></p> <p>Ibyiciro by'abana bashobora kwakirwa mu miryango ibarera ni ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- abana batagira se na nyina;</li> <li>- abana batagira se cyangwa batagira nyina kandi umubyeyi basigaranye akaba adashobora kugira icyo abamarira ;</li> <li>- abana bafite ababyeyi bambuwe ububasha bwo kurera abana babo;</li> <li>- abana batishoboye cyangwa bugarijwe n'ibibazo muri rusange</li> </ul>	<p><b>Article 3: Obligation of the Government of Rwanda</b></p> <p>The Government of Rwanda, through Districts, has the obligation to ensure that children are placed in foster families and that they enjoy their rights to play an important role in their family and community life.</p> <p><b><u>CHAPTER II: PROCEDURE BEFORE ACCEPTING ORPHANS AND OTHER VULNERABLE CHILDREN IN FOSTER FAMILIES</u></b></p> <p><b>Article 4: Categories of children acceptable in foster families</b></p> <p>Categories of children acceptable in foster families are as follows:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Fatherless and motherless orphans</li> <li>- Fatherless or motherless orphans whose surviving parent is unable to enforce their parental rights</li> <li>- Children whose parents have lost their parental rights on them;</li> <li>- Vulnerable children or children in difficult circumstances in general</li> </ul>	<p><b>Article 3 : Responsabilité de l'Etat Rwandais</b></p> <p>L' Etat Rwandais, à travers les Districts, a l'obligation de veiller à ce que des enfants soient placés dans les familles d'accueil et puissent avoir les droits d'accès à une participation active à la vie familiale et communautaire.</p> <p><b><u>CHAPITRE II: PROCEDURE DE PLACER DES ORPHELINS ET D'AUTRES ENFANTS VULNERABLES DANS DES FAMILLES D'ACCUEIL</u></b></p> <p><b>Article 4: Catégories des enfants admissibles dans des familles d'accueil</b></p> <p>Les catégories des enfants admissibles dans des familles d'accueil sont :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Les orphelins de père et de mère ;</li> <li>- Les orphelins de père ou de mère dont le parent survivant est dans l'impossibilité d'exercer l'autorité parentale;</li> <li>- Les enfants dont les parents sont déchus d'exercer l'autorité parentale sur eux.</li> <li>- Les enfants vulnérables ou les enfants en situation difficile en général.</li> </ul>
---	--	--

<p><b>Ingingo ya 5: Uruhushya ryo kwakira umwana mu muryango</b></p> <p>Uwifuzaga wese kwakira umwana mu muryango we abisaba ubuyobozi bw'Akarere mu nyandiko akabihirwa uruhushya. Minisitiri ufite kurengera abana mu shingano ze niwe ugena imiterere y'urwo ruhushya.</p> <p>Iyo umwana yijyanye mu muryango, uwo muryango ugomba kumwakira vuba, ukamuha ibyo akeneye byangombwa, hanyuma ukageza ibibazo by'uwo mwana ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge batuyemo mu gihe cy'iminsi itatu. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge nawe akabimenyeshya ubuyobozi bw'Akarere mu gihe kitarenze iminsi 15.</p> <p>Iyo ubuzima n'umutekano by'umwana wakiriwe byahungabanyijwe, umuryango wamwakiriye n'undi wese bireba agomba kugeza umwana ku kigo cya polisi kiri hafi kugirango akorerwe inyandiko mvugo y'ibyamubayeho. Inyandikomvugo y'ibyamubayeho igomba gushyikirizwa Ubuyobozi bw'Akarere kandi kopi yayo ikoherezwa Minisitiri ufite kurengera abana mu nshingano ze.</p>	<p><b>Article 5: Authorization to foster a child</b></p> <p>Any person willing to foster a child shall file a written application to the District authorities for authorization. The format of the authorization will be designed by the Minister in charge of child protection.</p> <p>Where a child reports alone to a foster family, the latter is required to provide that child with emergency shelter including various first aid services, and refer the case to the Executive Secretary of the Sector where they live within the next three days. The Executive Secretary of the Sector shall in turn refer the case to the District Council within 15 days.</p> <p>Where any abandoned child's health and security are endangered, the family that fostered him/her and any person concerned, is required to take that child the nearest police station in order to draw up a report to be forwarded to the Mayor of the District with copy to the Minister in charge of child protection.</p>	<p><b>Article 5: Autorisation d'accueillir les enfants dans une famille</b></p> <p>Toute personne désirant accueillir un enfant en famille doit faire une demande écrite à l'autorité de District pour autorisation. Le modèle de l'autorisation est déterminé par le Ministre ayant la protection des enfants dans ses attributions.</p> <p>Lorsqu'un enfant se présente seul dans une famille, celle-ci est tenue de lui offrir un accueil d'urgence comprenant des prestations diverses de première nécessité, et de déférer le cas au Secrétaire Exécutif de son Secteur de résidence endéans trois jours. Le Secrétaire Exécutif du Secteur en réfèrera lui-même au District dans un délai ne dépassant pas 15 jours.</p> <p>Face à un enfant abandonné dont la santé et la sécurité sont en danger, la famille qui l'accueilli et toute autre personne concernée après l'accueil d'urgence, il est conduit devant la station de police la plus proche aux fins d'établissement d'un procès-verbal de constat à transmettre au Maire du District avec copie pour information Ministre ayant la protection des enfants dans ses attributions.</p>
--	---	---

<p><b>Ingingo ya 6 : Kwemera kwakira umwana</b></p> <p>Igihe cyo kwakira umwana, umuryango umwakiriye ugirana amasezerano awemerera kwakira uwo mwana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho uwo muryango utuye . Imiterere y'ayo masezerano n'ibiyakubiyemo bishyirwaho na Minisitiri ufite kurengera abana mu nshingano ze.</p>	<p><b>Article 6: Child fostering agreement</b></p> <p>At the time formalizing the foster placement the family shall sign an agreement with the Executive Secretary of residence; the form and content of the agreement shall be approved by the Minister in charge of child protection.</p>	<p><b>Article 6 : Agrément d'accueil</b></p> <p>Au moment de l'accueil, la famille d'accueil signe un agrément d'accueil avec le Secrétaire Exécutif du Secteur de sa résidence. La forme et le contenu seront approuvés par le Ministre ayant la protection des enfants dans ses attributions.</p>
<p><b>Ingingo ya 7: Iperereza ku muryango w'umwana</b></p> <p>Icyemezo cyo gushyira umwana mu muryango umurera kigomba kubanzirizwa n'iperereza risesuye kuri uwo mwana, rigamije kumenya imiterere n'imibereho by'umuryango w'uwo mwana.</p> <p>Iryo perereza rinakorwa ku babyeyi bifuzwa kwakira uwo mwana rigamije kureba niba ababyeyi biyemeje kwakira umwana bafite ubushobozi bwo kumurera neza ku buryo uburenganzira bwe buzubahirizwa.</p> <p>Minisitiri ufite kurengera abana mu nshingano ze akena uburyo iryo perereza rikorwa akanashyiraho ibikoresho byaryo.</p>	<p><b>Article 7: Enquiry on child's family</b></p> <p>The decision to place a child in a foster family should be taken only after an in-depth social and familial inquiry on the child in order to know the social situation of that child's family.</p> <p>The above inquiry shall also be carried out to find parents willing to foster a child in order to check whether those parents have the resources to cater for that child and bring up the latter in a way that their rights are respected.</p> <p>The Minister in charge of child protection shall determine which investigation modalities are needed and develop their evaluation tools.</p>	<p><b>Article 7 : Enquête sur la famille de l'enfant</b></p> <p>La décision de placement d'un enfant dans une famille d'accueil doit être précédée d'une enquête approfondie sur l'enfant, notamment pour s'assurer de la situation de la famille de cet enfant.</p> <p>La dite enquête est faite aussi sur les parents qui veulent accueillir l'enfant pour s'assurer que ces parents ont les moyens pour élever cet enfant convenablement et de façon que ses droits soient respectés.</p> <p>Le Ministre ayant la protection des enfants dans ses attributions détermine les modalités d'enquêtes et développe les outils de ces évaluations.</p>
<p><b>Ingingo ya 8: Umuyobozi ufite ububasha bwo gukora iperereza.</b></p> <p>Iperereza ku muryango w'umwana rikorwa n'ushinzwe imibereho myiza hamwe</p>	<p><b>Article 8: Person with authority to carry out investigations</b></p> <p>Enquiry on child's family shall be carried out by the person in charge of social affairs</p>	<p><b>Article 8 : Autorité compétente pour faire l'enquête</b></p> <p>L'enquête sur la famille de l'enfant est faite par la personne en charge des affaires sociales</p>

<p>n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho umwana yakiriwe, ku bufatanye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho umwana akomoka niba ari imirenge itandukanye</p> <p><b>Ingingo ya 9: Uruhare rw'umwana mu ifatwari icyemezo cyo kumushyira mu muryango ugiye kumurera</b></p> <p>Bitanyuranyije n'ibiteganyijwe mu ngingo ya 4 n'iya 5 y'aya mabwiriza umwana ufite nibura imyaka 12 agomba kugira uruhare mu gufata icyemezo kijyanye no kumushyira mu muryango ugiye kumurera.</p> <p><b>Ingingo ya 10 : Kujuririra icyemezo cyo gushyira umwana mu muryango</b></p> <p>Nyamara ariko, umuntu wese bireba utanyuzwe n'icyemezo cyo gushyira umwana mu muryango ashobora, mu nyungu z'umwana, kugaragariza ubuyobozi bw'Akarere impamvu zatuma umwana atakirwa muri uwo muryango. Iyo ubuyobozi bw'Akarere ntacyo bubikozeho mu gihe cy'amezi atatu, umuntu wese bireba ashobora kugeza ikibazo cy'uwo mwana kuri Minisitiri ufite kurengera abana mu shingano ze mu rwego rw'ubuvugzi.</p>	<p>together with the Executive Secretary of the Sector where the child has been fostered in collaboration with the Executive Secretary of the Sector of the place where the child hails from, where different from the former.</p> <p><b>Article 9: Child's role in taking the decision for its being placed in a foster family.</b></p> <p>Without prejudice to the provisions of Articles 4 and 5 of these instructions, a child aged at least 12 years should be allowed to take part in taking the decision with regard to its being placed in a foster family.</p> <p><b>Article 10: Appealing against the decision to place a child in a foster family</b></p> <p>However, any concerned person who is not happy with the decision to place a child in a foster family may, for the benefit of that child, disclose to the leadership of the District, the grounds for which that child should not be placed in that particular foster family. Where the leadership of the District does not take any decision with respect to that case in a three month's period, any concerned person may refer that child's case to the Minister in charge of child protection as part of advocacy.</p>	<p>sous la responsabilité du Secrétaire Exécutif du Secteur du lieu d'accueil de l'enfant, en collaboration avec le Secrétaire Exécutif du Secteur du lieu de provenance de l'enfant en cas de secteurs différents.</p> <p><b>Article 9 : Rôle de l'enfant dans la prise de décision de placement en famille d'accueil</b></p> <p>Sans préjudices des dispositions des articles 4 et 5 des présentes instructions, un enfant âgé de 12 ans au moins doit être associé à la décision concernant son placement en famille d'accueil.</p> <p><b>Article 10 : Appel contre la décision de placer un enfant en famille d'accueil</b></p> <p>Cependant, toute personne concernée qui n'est pas satisfaite de la décision de placer un enfant dans une famille d'accueil peut, pour le bien de l'intérêt, donner à l'administration du District, les raisons pour lesquelles cet enfant ne devrait pas être placé dans cette famille d'accueil. Si l'administration du District ne donne aucune réaction sur ce cas dans une période de trois mois, toute personne intéressée peut référer ce cas au Ministre chargé de la protection de l'enfant dans le cadre du plaidoyer.</p>
---	---	--

<b>UMUTWE WA III: IBY'INGENZI ABABYEYI BAKIRIYE UMWANA BATEGETSWE GUKORA</b>	<b>CHAPTER III: MAIN OBLIGATIONS OF FOSTER FAMILIES</b>	<b>CHAPITRE III: PRINCIPALES OBLIGATIONS DES FAMILLES D'ACCUEIL</b>
<b>Ingingo ya 11 : Uburenganzira bwa kibyezi</b>	<b>Article 11: Parental authority</b>	<b>Article 11 : Autorité parentale</b>
Ababyeyi bakiriye umwana mu rugo rwabo, mu gihe bakimurera, bamugiraho uburenganzira bwa kibyezi ariko bitanyuranyije n'amategeko mbonezamubano	Child's foster parents shall have parental authority over the child fostered in their family, but in a way that is not contrary to the civil code.	Les parents d'accueil, pendant la période d'accueil, exercent l'autorité parentale sur la personne de l'enfant placé dans leur famille, mais d'une manière qui ne soit pas contraire au code civil.
<b>Ingingo ya 12: Inshingano z'ababyeyi bakiriye umwana</b>	<b>Article 12: Foster parents' duties.</b>	<b>Article 12: Devoirs des parents d'accueil</b>
Mu kurera kibyezi umwana bakiriye, ababyeyi bagomba kubahiriza uburenganzira n'ubwisanzure ndemashingiro bw'umwana, nk'uburenganzira bwo kuvuga icyo ashaka mu ruhame, kugaragaza ibitekerezo bye, imyumvire ye, guhitamo idini ashaka n'uburenganzira bwo kujya mu ishuri.	While enforcing their parental power, the foster family shall have to respect the child's fundamental rights and liberties, notably the right of expression, the freedom of thought, conscience, religion and right to education.	Dans l'exercice de l'autorité parentale sur l'enfant, la famille d'accueil est tenue de respecter les droits et libertés fondamentaux de l'enfant, notamment la liberté d'expression, la liberté de pensée, de conscience, de religion et le droit à l'éducation.
Ababyeyi bakiriye umwana bamuhitiramo idini, ariko iyo uwo mwana agejeje ku myaka y'ubukure, agomba kwihitiramo idini ashaka.	Foster parents shall choose a religious denomination for the child, but, at maturity age, the child will be free to choose his/her own religion.	Les parents d'accueil choisissent une confession religieuse pour l'enfant, mais à l'âge de la majorité, l'enfant pourra adhérer à une religion de son choix.
<b>Ingingo ya 13 : Kutavangura abana mu rugo</b>	<b>Article 13: Non-discrimination of fostered children</b>	<b>Article 13 : Non- discrimination des enfants</b>
Ababyeyi bakiriye umwana bagomba gufata abana bakiriye kimwe n'uko bafata ababo bwite nta vangura iryo ariryo ryose, ryaba rishingiye k'ubwenegihugu, ubwoko, igitsina, idini cyangwa imiryango bakomokamo.	Foster families shall treat their fostered children as their own without any discrimination, whether based on their nationality, race, sex, religion or ethnic background.	Les familles d'accueil doivent traiter les enfants accueillis au même titre que leurs propres enfants sans distinction aucune, fondée sur leur nationalité, leur race, leur sexe, leur religion ou leur appartenance ethnique.

<p><b>Ingingo ya 14: Birabujijwe gufata nabi abana bakiriwe mu muryango.</b></p> <p>Umwana wakiriwe mu muryango ntagomba guhohoterwa ku mubiri cyangwa kumuha ibihano bimutesha agaciro cyangwa byo kumucyurira, byaba bikozwe n' ababyeyi bamwakiriye, abandi bana cyangwa abakozi bo mu rugo.</p> <p>Bitabangamiye izindi ngingo z'amategeko ahana, buri buryo bwose bukoreshajwe ku mwana wakiriwe mu muryango bugamije kumutesha agaciro buzahanwa hakurikijwe itegeko ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa.</p>	<p><b>Article 14: Mistreatment of children placed in foster families is forbidden</b></p> <p>A child placed in a foster should never be subject to physical violence or other degrading treatments whether by foster parents, other children or house workers.</p> <p>Without prejudice to other provisions of the penal code, any inhuman treatment against a child placed in a foster family shall be sanctioned in accordance with the Law relating to the child's rights and protection against violence.</p>	<p><b>Article 14 : Interdiction de maltraiter les enfants placés dans des familles d'accueil</b></p> <p>L'enfant placé dans une famille d'accueil ne doit pas subir de violence corporelle ou d'autres traitements humiliants, dégradants ou vexatoires de la part des parents d'accueil, des autres enfants ou des employés de la maison.</p> <p>Sans préjudice des autres dispositions du code pénal, tout traitement inhumain perpétré à contre un enfant placé dans une famille d'accueil sera sanctionné conformément à la loi relative aux droits et à la protection de l'enfant contre la violence.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA BW'IBANZE BW'UMWANA URERERWA MU MURYANGO</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER IV: BASIC RIGHTS FOR FOSTERED CHILDREN</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE IV: PRINCIPAUX DROITS DE L' ENFANT PLACE DANS UNE FAMILLE</u></b></p>
<p><b>Ingingo ya 15 : kubona inyigisho</b></p> <p>Buri mwana urererwa mu muryango agomba kubona inyigisho z'amasomo cyangwa umwuga bigezweho bihuye n'imyaka ndetse n'igikuriro kandi bimuhuza n'abandi bana baturanye.</p>	<p><b>Article 15: Right to education</b></p> <p>Each child living in a foster family shall enjoy good quality training and teaching suitable to its age for its intellectual maturity in close contact with other children within the community.</p>	<p><b>Article 14 : Droit à l'éducation</b></p> <p>Tout enfant vivant dans une famille d'accueil doit bénéficier d'une formation et d'un enseignement de qualité adaptés à son âge et à sa maturité intellectuelle et qui le met en contact avec les autres enfants de la communauté.</p>
<p><b>Ingingo ya 16: Uburenganzira ku buzima</b></p> <p>Umuryango urera umwana ugomba kumuha uburyo bwo kugira isuku n'aho kwisanzurira</p>	<p><b>Article 16: Right to good health</b></p> <p>In its foster family, each child shall live in a sound environment with adequate</p>	<p><b>Article 16 : Droit à la bonne santé</b></p> <p>Dans la famille d'accueil, l'enfant doit vivre dans un environnement lui assurant des</p>



<p>kugira ngo akure neza. Agomba kugira ubuzima bwiza burimo n'ubuzima bw'imyorokere ndetse no kumurinda ihungabana, aho ari ngombwa.</p> <p><b>Ingingo ya 17 : Kugumana isano mu muryango</b></p> <p>Mu gihe bitabangamiye inyungu ze, umwana wakiriwe mu muryango agomba gukomeza kugirana isano n'umuryango avukamo bakanasurana.</p> <p><b><u>UMUTWE WA V: IGENZURA RY'ABANA BARERERWA MU MIRYANGO</u></b></p>	<p>hygiene and space for suitable development. It shall have access to health care, including reproductive health and as the case may be, protection from psycho-social harm</p> <p><b>Article 17 : Right to individual identity</b></p> <p>As long as it is not against child's interests, each child placed in a foster family shall preserve its own family ties and receive family visits.</p> <p><b><u>CHAPTER V: MONITORING FOSTERED CHILDREN</u></b></p>	<p>conditions d'hygiène adéquates et un espace suffisant pour son développement harmonieux. Il doit avoir accès aux soins de santé, y compris la santé reproductive et, le cas échéant, être protégé sur le plan psychosocial</p> <p><b>Article 17 : Droit à l'identité individuelle</b></p> <p>Tant que cela ne va pas à l'encontre de ses intérêts, tout enfant placé dans une famille d'accueil doit conserver ses liens familiaux et recevoir des visites familiales.</p> <p><b><u>CHAPITRE V: SUIVI DES ENFANTS PLACES DANS DES FAMILLES D'ACCUEIL.</u></b></p>
<p><b>Ingingo ya 18: Abashinzwe kugenzura abana barererwa mu miryango.</b></p> <p>Igenzura ry'abana barererwa mu miryango rikorwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge cyangwa umuhagarariye. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge yoherereza Umuyobozi w'Akarere nibura rimwe mu gihembwe, raporo zakozwe ku igenzurwa ry'abana barererwa mu miryango ituye muri uwo murenge.</p>	<p><b>Article 18: Authority to monitor fostered children</b></p> <p>Regular monitoring of fostered children shall be the duty of the Sector's Executive Secretary or his Deputy. The Sector's Executive Secretary shall regularly file a report to the Mayor of the District, at least once a term, on children living in foster families within their jurisdictions.</p>	<p><b>Article 18 : Autorité chargée de faire le suivi des enfants placés en familles d'accueil</b></p> <p>Le suivi régulier des enfants placés dans des familles d'accueil est assuré par le Secrétaire Exécutif du Secteur ou son délégué. Le Secrétaire Exécutif du Secteur soumet au Maire de District des rapports réguliers et au moins une fois par trimestre sur la situation des enfants placés dans des familles d'accueil de son ressort.</p>

<p>Umuyobozi w'Akarere yohereza Minisitiri ufite kurengera abana mu nshingano nibura kabiri mu mwaka raporo zivuga imibereho y'abana barererwa mu miryango.</p> <p><b>Inging ya 19: Gufasha imiryango irera abana.</b></p> <p>Iyo bigaragaye ko umuryango urera umwana udashoboye kubahiriza zimwe mu ngingo zigize aya mabwiriza ya Minisitiri kubera impamvu zitawuturutseho nkuko byemezwa n'ababishinzwe kandi bitabaye ngombwa kuwambura umwana urerwa, Akarere, gafatanyije na Minisiteri ifite kurengera abana mu nshingano zayo, gashinzwe kuwubonera imfashanyo.</p> <p><b>Ingingo ya 20: Guhagarika kurerasha.</b></p> <p>Bitabangamiye izindi ngingo z'amategeko bireba, Umuyobozi w'Akarere ashobora guhagarika icyemezo cyo kurerasha umwana mu muryango iyo raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge yemeza ko hari ingingo z'aya mabwiriza uwo muryango udakurikiza.</p> <p>Ni nako bigenda iyo uwo mwana yerekana ibimenyetso bidakuka by'imyitwarire mibi cyangwa byo kutisanga mu muryango umurera.</p>	<p>The District Mayor shall forward to the Minister in charge of child protection a report, at least twice each year, on fostered children.</p> <p><b>Article 19: Material assistance to foster families</b></p> <p>Where the foster family is unable to implement any of this Instruction's provisions for exceptional conditions as approved by the competent authority and so without terminating its fostering, the District jointly with the Ministry in charge of child protection shall grant material assistance to the family.</p> <p><b>Article 20: Terminating a fostering order</b></p> <p>Without prejudice to any applicable legal provisions in this case, the District Mayor may cancel any fostering order wherever the Sector's Executive Secretary's report carries evidence that some provision in this Ministerial Instruction is ignored by the foster family.</p> <p>The same applies for the case of the child showing serious evidence for lack of discipline or integration in the foster family.</p>	<p>Le Maire du District transmet au Ministre ayant la protection des enfants dans ses attributions, au mois deux fois par an, des rapports réguliers sur la situation des enfants placés dans les familles d'accueil.</p> <p><b>Article 19: Assistance matérielle accordée aux familles d'accueil</b></p> <p>Lorsque la famille d'accueil se retrouve dans l'impossibilité d'observer l'une des dispositions de la présente instruction pour cause d'une situation exceptionnelle approuvée par l'autorité compétente et sans qu'il soit nécessaire de mettre fin au placement de l'enfant, le District en collaboration avec le ministère ayant les enfants dans ses attributions accorde une assistance matérielle à cette famille.</p> <p><b>Article 20: Révocation d'une décision de placement d'un enfant</b></p> <p>Sans préjudice aux dispositions législatives applicables dans le cas d'espèce, le Maire du District peut révoquer la décision de placement de l'enfant dans une famille d'accueil lorsque le rapport fait par le Secrétaire Exécutif du Secteur révèle que l'une des dispositions des présentes instructions a été violée par la famille d'accueil.</p> <p>Il en est de même lorsque l'enfant présente des indices sérieux d'indiscipline ou de manque de réintégration dans la famille d'accueil.</p>
--	---	--

<p>Mu gihe byaba ngombwa ko umwana ava mu muryango runaka akwiye gushakirwa undi muryango hakurikijwe ibiteganijjwe mu ngingo ya 6, 7, 8 n'ya 9 z'aya mabwiriza.</p>	<p>Where it becomes necessary to remove a child from a foster family, another one should be secured for them in accordance with Articles 6, 7, 8, and 9 of these Instructions.</p>	<p>Lorsqu'il est indispensable de retirer un enfant de sa famille d'accueil, il faut lui en trouver une autre conformément aux dispositions des articles 6, 7, 8, et 9 de ces instructions.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA VI: GUTEGANYA AHO UMWANA AZABA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER V: CHILD'S SOCIAL REINTEGRATION</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE VI: DE LA REINTEGRATION SOCIALE DE L' ENFANT</u></b></p>
<p><b>Ingingo ya 21: Guteganya uko umwana azabaho</b></p>	<p><b>Article 21: Individual reintegration schedule</b></p>	<p><b>Article 21: Elaboration du plan individuel de réintégration</b></p>
<p>Akigera mu muryango umurera, umwana ufite nibura imyaka 12, agomba kugira uruhare mu itegura rya gahunda y'ibikorwa byose bizamufasha mu gihe azaba atakirerwa muri uwo muryango.</p>	<p>Upon entry in a fostering family, any child aged at least 12 shall be considered into its individual reintegration schedule for future community integration.</p>	<p>Dès son entrée dans une famille d'accueil, tout enfant, âgé d'au moins 12 ans, doit être associé à l'élaboration d'un plan individuel visant sa réintégration future dans la communauté.</p>
<p><b>Ingingo ya 22: Irangira ryo kurererwa mu muryango</b></p>	<p><b>Article 22 : Termination of a child's living in a foster family</b></p>	<p><b>Article 22 : Fin du placement d'enfant en famille d'accueil</b></p>
<p>Abana bakiriwe mu miryango bashyirwa mu buzima busanzwe iyo:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. umwana ahujijwe n'umuryango akomokamo;</li> <li>2. umwana yakiriwe n'umwe muri bene wabo wemera kumureberera</li> <li>3. umwana abonye uwemera kumubera umubyeyi ataramubyaye;</li> <li>4. umwana ageze ku myaka y'ubukure iteganywa n'amategeko cyangwa yemerewe ubukure mu buryo buteganywa n'amategeko</li> </ol>	<p>Children in foster families shall be reintegrated in the community in case of:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° reunion of child with its original family;</li> <li>2° caretaking by one member of the child's extended family as its adopter;</li> <li>3° the child's adoption;</li> <li>4° child reaches legal majority or is emancipated in accordance with the law.</li> </ol>	<p>La réintégration sociale des orphelins et autres enfants vulnérables accueillis par des familles se fait dans l'un ou l'autre des cas suivants :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° La réunification de l'enfant avec sa famille d'origine ;</li> <li>2° La prise en charge de l'enfant par un membre de sa famille élargie par voie de tuteur;</li> <li>3° L'adoption de l'enfant;</li> <li>4° L'enfant atteint l'âge de la majorité civile ou est émancipé conformément à la loi.</li> </ol>

<p><b>Ingingo ya 23: icyemezo cy'imibereho yigenga</b></p> <p>Icyemezo cyo guhagarika kureresha umwana mu muryango gifatwa n'umuyobozi w'Akarere akurikije iteganya ry'imibereho yigenga ry'umwana mu myaka no mu gikuriro.</p> <p>Icyo cyemezo gishyikirizwa Minisitiri ufite kurengera abana mu nshingano ze.</p>	<p><b>Article 23: Decision on social reinsertion</b></p> <p>Decision terminating a child's fostering into a family shall be taken by the District Mayor after assessing the child's individual reintegration schedule, in view of its age and maturity</p> <p>Authorization terminating child's fostering by family shall be notified to the Minister in charge of child protection.</p>	<p><b>Article 23 : Prise de décision de la réintégration sociale.</b></p> <p>La décision mettant fin au placement dans une famille d'accueil est prise par le Maire du District, sur base de l'évaluation du plan individuel de réintégration de l'enfant, en tenant en considération son âge et sa maturité.</p> <p>L'autorisation mettant fin au placement de l'enfant dans la famille d'accueil est notifiée au Ministre ayant la protection des enfants dans ses attributions.</p>
<p><b>Ingingo ya 24: Imibereho y'umwana utakirerwa mu muryango</b></p> <p>Iyo umwana yujuje imyaka makumyabiri n'umwe (21) cyangwa yemerewe ubukure umuryango umurera hamwe n'ubuyobozi bw'Umurenge bagomba kumufasha gutangira ubuzima bwo kwibeshaho, bikamenyeshwa umuyobozi w'Akarere na Minisitiri ufite kurengera abana mu nshingano.</p>	<p><b>Article 24: Social reintegration by majority or emancipation</b></p> <p>Where a child reaches twenty-one (21) years of age or is emancipated, the foster family together with the Sector's leadership shall ensure the child's community integration by taking reintegration accompanying measures and inform the Minister in charge of child protection.</p>	<p><b>Article 24 : Réintégration sociale par la majorité civile ou par émancipation</b></p> <p>Lorsque l'enfant atteint l'âge de vingt-et-un (21) ans, la famille d'accueil en collaboration avec les autorités du Secteur doit assurer la réintégration de cet enfant dans la communauté, en mettant en place des mesures d'accompagnement à la réintégration et en informer le Ministre ayant la protection de l'enfant dans ses attributions.</p>
<p><b>Ingingo ya 25: Imenyekanisha ry'umutungo w'umwana</b></p> <p>Mbere y'uko umwana atangira ubuzima bwo kwibeshaho, umuryango umurera ukora raporo y'ishusho y'umutungo w'umwana igashyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge kugirango</p>	<p><b>Article 25: Declaration of property</b></p> <p>Before a child's social reinsertion, its foster family shall report on the child's property the Sector's Executive Secretary for adoption after verifying that the declaration of property is fair. The</p>	<p><b>Article 25: Déclaration du patrimoine</b></p> <p>Avant la réintégration sociale de l'enfant, la famille d'accueil dresse un rapport sur le patrimoine de l'enfant qu'elle soumet au Secrétaire Exécutif du Secteur pour adoption après vérification de l'exactitude de la</p>

<p>ayemeze nyuma yo gukora isuzuma ryemeza ko umutungo watangajwe ariwo koko. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge iyo amaze kwemeza iyo raporo ayohereza Umuyobozi w'Akarere, akamenyeshya Minisitiri ufite kurengera abana mu nshingano ze.</p>	<p>Executive Secretary of the Sector shall then forward that report to the Mayor of the District and inform the Minister in charge of child protection.</p>	<p>déclaration de propriété. Après l'approbation de ce rapport, le Secrétaire Exécutif du Secteur l'envoie au Maire de District et en informe le Ministre ayant la protection de l'enfant dans ses attributions.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER VII: TRANSITORY AND FINAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u></b></p>
<p><b>Ingingo ya 26: Ingingo z'inzibacyuho</b></p>	<p><b>Article 26: Transitional provision</b></p>	<p><b>Article 26 : Disposition transitoire</b></p>
<p>Imiryango yakiriye abana mbere y'uko aya mabwiriza ya Minisitiri atangira gukurikizwa ihawe imyaka ibiri kugira ngo iyakurikize.</p>	<p>Families which have been fostering children before this Ministerial Instruction was put into force shall use a period of two years to conform to its provisions.</p>	<p>Les familles ayant accueilli des enfants avant l'entrée en vigueur des présentes instructions ministérielles ont un délai de deux ans pour se conformer à ses dispositions.</p>
<p><b>Ingingo ya 27: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza</b></p>	<p><b>Article 27: Repealing of inconsistent provisions</b></p>	<p><b>Article 27 : Disposition abrogatoire</b></p>
<p>Ingingo zose z'amabwiriza ya Minisitiri abanziriza aya kandi anyuranyije na yo zivanyweho.</p>	<p>All prior and contrary provisions to this Instruction are hereby repealed.</p>	<p>Toutes les dispositions ministérielles antérieures et contraires à la présente instruction sont abrogées.</p>
<p><b>Ingingo ya 28: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa</b></p>	<p><b>Article 28: Commencement</b></p>	<p><b>Article 28 : Entrée en vigueur</b></p>
<p>Aya mabwiriza azatangira gukurikizwa umunsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>This Ministerial Instruction shall come into force on the day of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>

<p>Bikorewe i Kigali ku wa .....</p> <p>Minisitiri w' Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango</p> <p><b>Dr Jeanne d' Arc MUJAWAMARIYA</b></p> <p>Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:</p> <p>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p> <p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b></p>	<p>Done in Kigali, on .....</p> <p>The Minister of Gender and Family Promotion</p> <p><b>Dr Jeanne d' Arc MUJAWAMARIYA</b></p> <p>Seen and sealed with the Seal of the Republic :</p> <p>The Minister of Justice/ Attorney General</p> <p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b></p>	<p>Fait à Kigali, le .....</p> <p>Le Ministre du Genre et de la Promotion de la Famille</p> <p><b>Dr Jeanne d'Arc MUJAWARIYA</b></p> <p>Vu et scellé du Sceau de la République :</p> <p>Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p> <p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b></p>
--	---	---